UN/ONU yahagaritse Ingendo z’Indege zayo muri DR-Congo

February 28, 2023

Kuri uyu wa Mbere, Umuryango w’Abibumbye ONU/UN watangaje ko wahagaritse ingenzo z’Indege zawo mu Burasirazuba bwa Repubulika ya Demokarasi ya Congo, nyuma y’uko Indege ya Kajugujugu yawo irasiwe muri aka gace.

Iyi Ndege yarashwe ivuye mu Mujyi wa Walikale igana i Goma, Umurwa mukuru w’Intara ya Kivu y’Amajyaruguru.

ONU ivuga ko yarashwe mu gihe cy’iminota Cumi n’itanu.

N’ubwo yarashwe, yaguye neza mu Mujyi wa Goma, Abapilote bayo 3 n’abandi bantu 10 bari bayirimo ntacyo babaye.

Iyi nkuru yatangajwe n’ishami rya ONU rishinzwe ibiribwa kw’Isi, PAM.

Ingendo z’Indege za ONU zahise zihagarikwa mu bice bimwe na bimwe byo mu Burasirazuba bwa Congo, zikaba zizongera gusubukurwa Umutekano wongeye gusubira mu buryo.

Iyi Ndege ya Kajugujugu ya ONU itanga imfashanyo muri bimwe mu bice biri kure mu gihugu, mu gihe kugeza ubu nta bundi buhari buhagera bitewe n’Imihanda mibi cyangwa Umutekano muke.

Kugeza ubu, nta Mutwe n’umwe urigamba ko ari wo wagabye iki gitero.

Gusa, bubaye ubwa kabiri muri uku Kwezi Indege ya Kajugujugu ya ONU iraswa mu Ntara ya Kivu y’Amajyaruguru.

Iki gitero cyakozwe mbere y’aho, cyahitanye Umusirikare ushinzwe gucunga Umutekano ukomoka muri Afurika y’Epfo, undi arakomereka.

Ishami rya ONU rishinzwe Amahoro n’Umutekano kw’Isi,

ryatangaje ko kugaba Ibitero ku Ngabo zishinzwe gucunga Umutekano, bishobora kuba Ibyaha byo mu Ntambara.

Imiryango itari mike itanga Imfashanyo, yatangaje ko iyi Mirwano imaze Imyaka itari mike ibera mu Burasirazuba bwa Congo, yakuye mu Byabo abantu barenga Miliyoni 5, mu gihe Abasivile batari bake bugarijwe n’Inzara. (AP)